Ministère de la Jeunesse et des sports

Procès - Verbal

Le 3/3/1980

1D

— 217

/R.D.E./N.B./

Vu et transmis pour approbation 7/8/1980

Inyandiko Mvugo y'Inama yahuje Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli za Komini yabereye muli Prefegitura ya Kigali taliki ya 3/3/1980.

-Abali mu nama ni 20 halimo Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura ya Kigali Bwana SENKWARE Celestin, Uwungilije kuyobora Urubyiruko n'Imikino muli Kigali n'Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/prefegitura ya Bumbogo n'Abayobozi b'Urubyiruko ba Komini zose za Kigali.

-Habanje ijambo ry'Umuyobozi w'urubyiruko n'imikino Bwana SENKWARE C. wayoboye inama abashimira kuba baje ali benshi mu nama ibahuje n'Agronome wa Prefegitura ya Kigali waje kwigira hamwe ibibazo bibagamiye urubyiruko n'imikino muli Kigali bakabishakira hamwe umuti uzatuma imilimo igenda neza.

-Umwanya wo gusuzuma ibibazo no kubisubiza Agronome yahise afata ijambo asobanurira abayobozi b'urubyiruko n'imikino uburyo bwo gufata ubutaka neza kandi asobanurira abali mu nama uko bagomba kubufumbira guca imiserege gutera asiteriya kumpande kugirango barwanye (isuli) no gutera imbuto kuburyo bwa kijyambere.

-Yakomeje asobanurira ibibazo abali mu nama bahuranabyo mu buryo bwunvikana n'uko bafatanya n'abashinzwe iby'ubuhinzi muli za Komini haziramo ingorane bakabimenyesha inzego nkuru kugirago bazishakire umuti.

-Abali mu nama bashimiye Agronome ikiganiro cyiza yabagiriye kandi n'abo bamusezeranya yuko bazafatanya nawe n'abo bafatanyije mu buhinzi n'ubworozi muli Komini za Kigali.

-Umuyobozi w'urubyiruko muli Kigali yavuze yuko ubutaka afatanije n'Agronome bazakora inama n'abashinzwe ubuhinzi muli za komini za Kigali.

Umubare w'Amashyirahamwe muli za Komini n'Ingorane zihura nayo.

Mbogo : 14 agamije guhinga kumirongo nokorora amafi ali nta milima bafite naho bafite Leta ikabahaka bakahishyirira indi milimo.

Gikomero :24 agamije guhinga nokworora, inka aliko 13 muliyo aracumbagira kuberako badafite ubagira inama no kubasura kuberako komini ari nini ntashobore kugerayo.

Rushashi : 8 arahinga, akambuba amatafali aliko 4 aracumbangira ntabwo bazi ingorane zabo.

Rutongo : 6 ahinga ibisheke, ikawa, ishyamba, n'imyaka ngadura-rugo aliko nilimwe na limwe urubyiruko rwaga guhinga rukigira mu mugi.

Gashora : 1 ihinga imyaka ngandura-rugo aliko hali ubwunvikane bukeya urubyiruko rufitanye naba conseillers. Muli za komini ya (BUGESERA.) kubima imilima

Mugambazi : 9 ahinga ingandura-rugo gusa abandi baje mu mugi kwibera amabandi n'indaya

Butamwa : 9 ahinga ingenga-bukungu n'ingandura-rugo.

Tare : 5 arahinga andi akora ubukolikori

Ngenda : 9 arahinga imyaka yejeje bakayicuruza kandi agakora neza.

Kanzenze : 4 ahinga ingandura-rugo andi akambuba amatafali hali, abakora n'amagare.

Shyorongi : 9 aradoda andi akorora amafi akanatera ubwatsi iyo invura iguye itwara amafi kubera kuzura.

Kanombe : 6 aradoda andi akanatera ubwatsi :

Musasa : 10 ahinga ingandura-rugo n'ingenga-bukungu agafata neza imyaka basaruye bakayigulisha .

Bicumbi : 6 ahinga imyaka gusa.

Nyarugenge :Urubyiruko rwa Kigali rukorera hamwe rwoza imodoka ku kinamba, rutwara imyaka n'ibyo abacuruzi baguze rugafashwa na J.O.C. n'abashizwe kuyobora urubyiruko baruigeka gukorera hamwe.

.../...

Gutegura inama z'urubyiruko rusanze muli Komini.

-Abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli komini bagomba gukorana n'urubyiruko hanze atali ugukorera gusa mu biro. Gutera inkunga amashyirahamwe bafatanije n'ubutegetsi bwa komini mu mishinga yarwo.

Programu ya buli kwezi : Abayobozi bagomba gukora neza bakulikiranyije buli segiteri kandi bayisigamo ntaga-rugero zigasigara zifite urugero rwibyo bakoze mu kwezi gutyo zigakulikirana kugeza igihe zirangiye.

-Abayobozi batatanze programu d'activités ya buli kwezi : kuva muli Mutarama kugeza muli Nyakaga hali aba, Bicumbi, Butamwa, Mugambazi, Kanombe, Mbogo, Rushashi, Gikomero, na Tare.

---

Umwanya w'imikino muli za komini za Kigali

-Abayobozi b'urubyiruko bashaka équipements sportifs bashobora kujya kuyigura muli Super-Marché T 2.000 (Kigali) aho umupira w'amaguru ugura 2580 FRW.

-Abayobozi barangije babaza ko umuzungu witwa Réal yahinduye programmu yari yarabahaye zo kujya asura associations ndetse akanazishakira ukuntu zagulisha umusaruro wazo muli FAJECOOP uretse yuko FAJECOOP ibahanda kandi ntibishyure vuba ntabwo bashoboye kubabonera igisubizo gihagije .

-Abayobozi b'urubyiruko muli komini batohererje umubare w'amashyirahamwe yose yabibukije yuko bagomba kuyohereza vuba aliyo Kanombe, Rubungo, Kanzenze, Gashora, Ngenda, Butamwa, Mugambazi, Rutongo, kubera yuko babikoze nabi yibutsa y'uko batagomba kwibagirwa n'abakobwa kuko nabo bakeneye sports.

Umuyobozi w'Inama yamenyesheje abali mu nama yuko Prefe yabateguliye Séminaire ku mataliki ya 19/5 kugeza kuya 26/6/1980 afatanije n'intumwa za Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi Abayobozi baza koperative n'Abayobozi ibigo bitsura amajyambere.

-Iyo Seminaire abayobozi bazakurikira bakulikije amakomini yabo ku mataliki akulikira.

le 12/21/24/80 Mbogo , Rutongo, Mugambazi, Tare, Rushashi, Musasa.

2-4-6/80 Shyorongi, Butamwa, Kanombe.

5-7-6/80 Rubungo, Gikoro, Bicumbi.

23-25-6/80 Kanzenze, Ngenda, B.G.M.

Ubuhinzi bwa Kijyambere.

Kurwanya isuli, gutera ibyatsi n'ibiti guhinga imyaka ikwiranye n'ubutaka bwa ahantu gufumbira imilima guhinga imbuto zindobanure no guhinga ku murogo guhingira igihe no guhinduranya imyaka mu milima.

-Bakomeje gusobanura uko bagomba guhinga kijyambere no gufata ubutaka neza.

AVIS.

-Kubyerekeye ziliya ngorane bahura nazo ndabona Ministeri yakwandikira umuyobozi w'Urubyiruko kugirango azajye kubonana n'abategetsi bategeka komini bakigira hamwe uko batunganya ibyo bibazo by'urubyiruko muli (Kigali).

Lu et conforme
12.8.80

.../...

-Ku kibazo cyo kubura aho bagulishiliza umusaruro wabo kubatuye kure ya Kigali (FAJECOOP) bagomba guhinga bafite aho babigulishiliza bimaze gusarurwa cyangwa bagakora ibindi bikorwa.

-Ku kibazo cyo kubatwara amasambu, urubyiruko rwagombaga kuba alirwo rufite uburenganzira bwo kuyabona.

-Kubera yuko amashyirahamwe amwe acumbagira abayobozi bu urubyiruko bo muli Komini bagombaga ku gira inama urwo rubyiruko ku taza mu mugi ahubwo bakarwereka uko rugomba gukorana rufatanije.

-Kubera ingorane urubyiruko rugirana na aba Conseillers cyane cyane muli Bugesera Abayobozi b'urubyiruko bagombaga kwandikira abo ba conseillers ba binyujije muli Bourgmestres baza Komini zabo babamenyesha ko bagomba gukorana n'urubyiruko kandi bakaufasha cyane cyane ku ruha aho rukorera ibikorwa byarwo ali ubuhinzi, ubworozi, cyangwa ubukolikori.

-Abagérants bose banyereza imali y'urubyiruko bavanye mu musaruro wabo, bagomba ga kuyaha abayobozi b'urubyiruko bakajya kuyabitsa muli Banque ~~Populaire~~ z'Abaturage cyangwa mu zindi Banques zishobora kuboneka hafi yarwo.

RUKUNDO D.E.

Avis

Ubretse ko iyi synthèse yatinze gukorwa (Nyiraganuka yagiye muli congé de maternité na Rukundo yabonye iyi dossier ku italiki ya 9/6/80) mbona izatugilira akamaro niduntangira gukora rapport y'Umwaka.

7.8.80..

/M.D/S.C/

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE KIGALI
SERVICE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS

Kigali, le 22/04/1980
N° 27/12.04/09

RUKINDO 9/6/80
~~NTEZIMANA~~
Pour exécution.
27/5/80

Encadrement
Synthèse et avis

A traiter par : 27/5/80
Date entrée : 22/5/80
N° Classement : 59.10/12.01

Monsieur l'Encadreur Communal
de la Jeunesse et des Sports....(Tous)
K I G A L I

Monsieur l'Encadreur,

J'ai l'honneur de vous transmettre en annexe de la présente, le Procès-Verbal de la réunion des Encadreurs Communaux tenue à l'Encadrement Régional en date du 31/03/80.

Je vous en souhaite bonne réception.

Encadreur Régional de la Jeunesse
et des Sports

SENKWARE Célestin.-

REPUBLIQUE RWANDAISE – PREFECTURE DE KIGALI – MINISTERE DE LA JEUNESSE – ENCADREMENT REGIONAL

Copie pour information à:

- Monsieur le Ministre de la Jeunesse et des Sports
  K I G A L I
- Monsieur le Préfet de Préfecture
  K I G A L I
- Monsieur le S/Préfet de S/Préfecture
  BUMBOGO-BUGESERA
- Monsieur le Bourgmestre (Tous)
- Monsieur l'Encadreur S/Régional
  BUMBOGO

/S.C/M.D/

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO MULI KOMINI YABEREYE MU BIRO BIGENGA URUBYIRUKO MULI PREFEGITURA TALIKI YA 3[illegible]/[illegible]/1980

Inama yatangiye 9h40'

Abali mu nama

- SENKWARE: Encadreur Régional akaba n'umuyobozi w'inama
- NYIRABURETWA Théophilla: Adjointe à l'Encadrement Régional
- NTIDENDEREZA Elie: Encadreur S/Préfecture BUMBOGO
- HABIMANA Aloys: Agronome wa Préfecture
- MUKANKAKA Espérence: Dactylographe
- UTUMABAHUTU Dominique: Encadreur wa Komini BICUMBI
- NSABAMUNGU Tharcice: " " BUTAMWE
- NDUWAYEZU Athanase: " " GASHORA
- KARASI Paul: " " GIKOMERO
- SIBOMANA Sylvestre: " " KANOMBE
- KAYINAMURA Charles : " " KANZNZE
- NGIRABATWARE J.B : " " MBOGO
- TWAGIRUMUKIZA Joseph: " " MUGAMBAZI
- SIZELI Savier: " " NGENDA
- BIGIREBATE Jean Chrisostome" " NYARUGENGE
- KAYOMBYA Charles: " " BUMBOGO
- MUHASHYI Gérards: " " RUSHASHI
- -- GAHUNGU Julien: " " RUTONGO
- MULINDANKANKA Pierre: " " SHYORONGI
- NTAMUGAYO Laurent: " " TARE

IDYALI KU MURONGO W'IBYIGWA(ordre du jour)

1. Ikiganiro cya Bwana Agronome wa Préfecture ya Kigali
2. Umubare w'Amashyirahamwe dufite ubu.
3. Gutegura inama rusange z'urubyiruko
4. Programme ya buli kwezi
5. Irushanwa yl'umupira w'amaguru muli 1980
6. Divers.

.../...

## IBIBAZO KU KIGANIRO CYA AGRONOME

Q. Kuki muli Komini ishyirahamwe ly'urubyiruko ili n'ili lishaka aho likorera(akalima) ntilihabone?

R. Amasambu agengwa na Ministeri y'ubuhinzi n'ubworozi mu gihugu cyose muli Komini ni Borgmestre, muli Préfecture ni Préfet. Agronome lero aho icyo kibazo kibonetse niwe ugomba kugikemura Aho gutera amashyamba arahazi urubyiruko ruhashatse agomba kuharuha ku bindi bihingwa. Agronome wa Komini afatanyije n'umuyobozi w'urubyiruko na Encadreur wa za coperatives muli Komini bahashakashaka, bakahasaba ubutegetsi bwa Komini bakabahabaka.

Q. Ishyirahamwe lifite akalima mu gishanga, Leta yalifasha gukora drainage?

R. Ibishanga byose byafashwe na Leta, nimara kubitunganya iza-bisubiza abaturage. Politiki y'ubuhinzi nicyo igamije muli icyi gihe.

Q. Imbuto z'ikawa ziba nke mu ma Komini, nta kuntu urubyiruko rwagira pépinières zarwo?

R. Agronome wa Komini amenyesha umubare w'ingemwe akeneye, OCIR na ISAR zikazimwoherereza. Muzabibwire Agronome wa Komini muti: Urubyiruko rwifuje gukora pépinières, azabijyamo.

Q. Ibihoho(sachets) bijya bikunda kuba bike bityo bigatuma hakunda kuba ingorane.

R. Agronome nk'uko asaba imbuto asaba n'ibihoho byo kuzinazamo, niyo mpamvu mwe mugomba kumugezaho ibyifuzo byanyu kare kugira ngo ashobore gukora Komande.

Q. Amashyirahamwe ahinga kawa akenera ibikoresho, kandi n'abandi baturage ntibababibona bihagije( inkezo, imakasi, poudreuses).

R. Muzandike mumenyeshe ibyo mukeneye mubinyujije ku mukuru w'urubyiruko n'imikino muli Prefegitura kugira ngo ibikenewe nzabibahe. Umuti wo kuziteramo Agronome agomba kuwubaha mugatera kimwe n'abandi baturage.

Q. Ibyuzi by'amafi bigengwa n'iyihe Ministeri?

R. Ibyuzi by'amafi bigengwa na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi mu gihugu cyose, muli Komini ni Agronome.

Q. Umuturage, Leta ifatiye akalima ko mu gishanga, haruko iteganya kumushumbusha ahandi?

R. Leta yo yita ku mbaga nyamwinshi y'abantu, ikareba icyabagiliye akamaro umulima uramutse uhali, umuturage bakawumuha.

.../...

Agronome wa Prefegitura yakomeje amenyesha b Encadreurs bo mu BUGESERA ko ibikoresho nk'ibyo bazajya bahyaka b'Agronomes ba za Komini zabo bakareba uko babibakira muli B.G.M.

Haramutse habaye ingorano kubibona mwakwandikira Encadreur wanyu akazabingezaho bidatinze.

Ikindi kandi ajya kurangiza ikiganiro yibanze cyane k'ugufatanya kwa service zombi iya Agri niya Jeunesse. Yavuze ko nawe mu nama ye izagilira ba Agronomes azatumira umuyobozi w'urubyiruko kugirango azagire icyo ababwira kerekeye ugufatanya.

Abayobozi bose b'urubyiruko bashimiye Militant HABIMANA Aloys kubera ikiganiro cyiza yabagiliye kandi bamusezeranya ko bazakora kose bagafatanya.

**Ikifuzo:** Ba Encadreurs basabye Agronome wa Prefegitura kwibutsa ba Agronomes ba Komini na ba Miniteurs Agricoles gusura amashyirahamwe y'urubyiruko kuli ubwo bulyo ibitekerezo bishya n'amabwiliza mashyashya yo guhinga kijyambere azacengere nta mvune nyinshi mu baturage, kuko urubyiruko rumva vuba ibintu bishya kurusha abantu bakuze.

## II. Umubare w amashyirahamwe

Umuyobozi w inama yabajije impamvu uwo mubare ugenda ugabanuka ati: Ese byaba biterwa n'ubly bwo gukangura urubyiruko no kubacengezamo ibitekerezo bishya bidahagije cyangwa nali indi mpamvu?

Niba impamvu ali iyo navuze mugomba gushishikalira kuugurura ubulyo bwanyu bw'akazi, Yahereje buli Encadreur ijambo kugira ngo avuge groupement afite ingorane zihura nazo n'icyo zigamije muli make,

**MBOGO:** Hali amashyirahamwe 14 agamije ubuhinzi bw'imboga n'ubworozi bw'amafi.

Ingorane bafite n'iyo kubigeza mu masoko y'umujyi wa Kigali Urubyiruko rwababajwe no kwitega Real, wa muzungu wa FAJECOP wali wabizeje kuzabafasha mu kugulishiliza umusaruro wabo ahantu hahenutse(Kigali)

**GIKOMERO:** Hali amashyirahamwe 24.

amenshi mulibayo agamije ubuhinzi bw'imboga n'ikawa

1. korora inka(Elevage des vaches)

13 gusa nizo zikora neza, andi aracumbagira kubera ko batangiye batazi neza icyo bakora. Indi mpamvu kandi n'uko umuyobozi w urubyiruko n'imikino muli iyo Komini atabasha kubagenderera kenshi bitewe n'uko Komini ali nini. Urwo rubyiruko rurakibaza impamvu Real yabazilitse ku katsi. Amaze kudusezeranya ko azadufasha, ntacyo yigeze akora.

**RUSHASHI:** Hali amashyirahamwe 6.

2 guhinga Kawa

2 kubumba amatafali

agamije ubuhinzi bw'imyaka ngandura-rugo

Ayandi aracumbagira cyane kugira icyo umuntu ayavugaho byaba ali ukwibeshya cyane

- Ingorane ba gérants bayo baligisa umutungo wayo mashyirahamwe ibyo lero bica intege undi muntu wese yaba yakwifuza gufatanya n'abandi.

__RUTONGO__: Hali amashyirahamwe 6

2 ahinga ibisheke, kawa, yateye n'amashyamba

3 ahinga imboga

1 ihinga imyaka ingandura-rugo

Ingorane: Urubyiruko rwanga gufata isuka, ahubwo gasegereti n'umujyi wa Kigali niho birukira.

__GASHORA__: 1 ihinga imyaka ngandura-rugo cyane cyane ibishyimbo

Ingorane: Ubwumvikane buke mu rubyiruko, amasambu make kandi naho basabye conseiller akahabima.

__MUGAMBAZI__: Hali amashyirahamwe 9 yose agamije ubuhinzi, akaba ahanini n'abantu bakuze; abasore n'inkumi bimukiye ahandi no mu mijyi niyo ngorane Mugambazi ifite.

__BUTAMWA__: Hali amashyirahamwe 9.

2 ahinga ibihingwa ngenga-bukungu: Umuceli na Kawa kandi akora neza.

3 ahinga ibihingwa ngandura-rugo

1 ibumba amatafali

Iyitwa JAB yo ifite ibibazo bikomeye cyane bya détournement Padiri Depienne wabafashaga byamurakaje cyane; akaba yenda kubirukana. Ibintu Ministeri byose yabafashishije byatangiye kuzimira akaba ali yo mpamvu mbasabye ko twazajyanayo mukajya kureba.

__TARE:__ Hali amashyirahamwe 5.

3 ahinga imyaka ngandura-rugo

2 akora imilimo y'ubukolikoli (artisanat)

Ingorane: bafite n'umusaruro muke uterwa n'ubutaka butera.

__NGENDA__: Hali amashyirahamwe 9; aliko 5 niyo akora neza

1 ni y'abasikuti bahinga bacuruza umusaruro wabo

1 ni iya J.O.C.

Hali amashyirahamwe yishize hamwe yikuramo imwe icuruza

.../...

Ingorane: Abo badikanyije nabo barabarengerera kandi nta ba Gérants bafite babihugukiwemo.

KANZENZE: Hali amashyirahamwe 4.

2 ahinga imyaka yose ishobora kwera mu milima yabo

1 irahinga kandi ikabumba n'amatafali

1 ni Koperative y'abana bo muli Centre Commercial ikora amagali.

Ingorane: Abagérants batabashije uwo mulimo kandi bakaniba Imilima ntiboneka kandi ba conseiller ba Komini ntacyo bakora urwo rubyiruko n'icyo babasabye ntibakibemerera.

SHYORONGI: Ifite amashyirahamwe 9, atanu niyo ntangarugero andi 4 aracumbagira

1 y'abakobwa badoda

1 y'abasore ibaza

zindi 7 zirahinga kandi zikorora amafi

Ingorane: Nta milima myiza iboneka naho bafite Leta irahabaka ikahatera Setaria

- Ibishanga mu gihe cy'imvura nyinshi biruzura
- amafi agatwarwa n'amasuli
- Imbuto ntibazibonera igihe zikenewe
- kugurisha umusaruro wabo ku mujyi wa Kigali ntibyoroshye kuko nta modoka.
- FAJECOP: Uretse ko ibahenda ugasanga bisa naho nta kamaro ibishyura ikerewe
- Abagérants baligisa amafaranga aturutse mu musaruro wayo mashyirahamwe.

.../...

KANOMBE: Hali amashyirahamwe 6

2 ahinga

2 ni atelier yo kudoda

2 ububajyi n'ubwubatsi, akorera i Masaka n'Igahanga

Ingorane: Urubyiruko kubera umujyi wa Kigali uli hafi ...
cyane ntabwo rwita ku milimo y'ubuhinzi.

MUSASA: Hali amashyirahamwe 10

4 ahinga imyaka ngandura-rugo

3 afite ubuhinzi bwa kawa n'imyaka ngandura-rugo kandi agenda neza

1 irabaza : kugeza ubu nta bikoresho ihagije ifite n'abanyamuryango ni bake. Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Coperative ntabwo yali yemera statut yayo. Ibumba amatafali n'amategura, ingorane zayo zituruka ku nkwi zo gutwika, amashyamba zivamo ali kure cyane.

1 y'ubucuruzi niho igitangira gukora

Ingorane: amafaranga bashoboye muli ubwo bucuruzi ntahagije

Ingorane: Uretse amashyirahamwe ahinga kawa, ayandi afite ingorane z'uko ubutaka butakera.

BIDUMBI: Hali amashyirahamwe 6

4 arahinga

Ingorane aya mashyirahamwe ahura n'ayo ni uko ba gérants baligisa imali yayo.

GIKORO: Hali amashyirahamwe 5

2 ahinga imboga

3 atera amashyamba

Ingorane zilimo ziturutse ku buke bw'abanyamuylango abenshi muli bo baturuka mu karere kamwe.

NYARUGENGE: Umuyobozi w'urubyiruko muli Nyarugenge yabwiye bagenzi be mu magambo make uko akazi ke kameze:

- Urubyiruko rwo mu mujyi rutandukanye kuli byinshi n'urubyi-

.../...

ruko rwo mu yandi ma Komini. Ni rwinshi aliko nta hamwe rufite, nta kintu kiruhije uretse ubuzima bwo mu mujyi.

Impamvu n'izi:

1. Urubyiruko rwo mu mjyi ahanini ntahwo ali kavukire ka Nyarugenge. Rukomoka mu ma Komini ruje gushaka akazi nta mwuga ruzi. i Akazi iyo kabuze cyangwa iyo birukanwe haba amabandi n'indaya. Abandi baza bahunze ibihano cyangwa bashutswe na bagenzi babo b'abayaya n'abandi ngo bazababonera akazi. Akenshi muli bo nta bya ngombwa bagira, Ibyo bigatuma batinya umuntu wese uturutse mu butegetsi. Nta kwizera bagirana kuko batazirenye, nta bwumvikane bushobora kubaho Izo mpamvu zose, gutinya ubutegetsi, kuko nta tegeko bubaha na limwe, kutamenyana bihuza ibikorwa byo gushirahamwe nizo ngorane mpura nazo. Icyakora J.O.C yabashimiye gutera inkunga urwo rubyiruko irushirahamwe irucengezamo ibitekerezo n'imyifatire y'umuntu wiyubaha. Komini nayo yakoze uko ishoboye ibaha igishanga cya Kinamba kizakorerwamo

Ibikulikira:

- Ubuhinzi
- Ubworozi bw'amatungo, amanini n'amato
- Kubumba amatafali
- Komini kandi yahaye umulima abasaveri
- Komini kandi yahaye umulima abasaveri bo muli Secteur Gikondo
- Komini ya Nyarugenge yiyemeje gushyigikira ibikorwa byose bigamije amajyambere y'urwo rubyiruko bityo ibibazo by'ububandi n'uburaya bikabonerwa umuti nituhona abafite umutima mwiza bifuza gushyigikira za projets z'urubyiruko.

Ku ngorane ayo mashyirahamwe ahura nazo umuyobozi w'inama yabagiliye inama zikulikira:

- Kugulisha imali y'amashyirahamwe(Détournement)

Ayo mashyirahamwe muzayashakire ubulyo bwiza bwo kubitsa muli za Banque populaire, Paroisse, no muli C.E.R. kuko iyo gérant yibye bica intege abali mw'ishyirahamwe bikabuza n'abandi bafite icyo gitekerezo cyo kwifatanya.

2. Amasambu, iyo habanetse ingorane ziturutse kuli Conseiller ni ngombwa kubimenyesha Bourgmestre. Kugira ngo kandi akazi kagende neza birakwiye gufatikanya n'abandi ba Techniciens bo muli Komini, kuko mwese mugamije amajyambere y'abaturage. Mu gihe ahantu aha n'aha habonetse isambu, Agronome arahali kugirango icyo kifuzo mugishikilize ubutegetsi.

3. Amashyirahamwe y'urubyiruko: Urubyiruko ntirugomba gufatanya mu milimo y'ubuhinzi gusa. Ni byiza lero kubakangura bagashira hamwe mu bikorwa byose bafitemo ubushobozi kandi babonamo inyungu.

Nk'abasore bacukura gasegereti

.../...

mu birombe, bakora mu bisheke no mu yandi ma projets(imishinga) mwabagira inama yo kudatagaguza amafranga bahembwa; ahubwo bashakashaka uko bayakoresha by'ingirakamaro.
Mboneyeho kubamenyesha ko mu nama twigeze kugirana hambere, ahali ibibazo nk'ibyo, Ministri w'urubyiruko yifuje ko abasore bahashyira z'associations zijyana na possibilités zihali. Niyo mpamvu mwebwe ba Encadreurs ba za Komini MUGAMBAZI, SHYORONGI, RUTONGO, GIKOMERO hali za gasegereti-plantation z'ibisheke, plantation z'umuceli, musabwe kumvisha abasore banyu ko byaba byiza bagerageje gufatanya.

Ntabwo ali aho gusa, muli Komini BUTAMWA, abasore bagomba kumvishwa ali benshi ko bagomba kuyoboka ya centre y'urubyiruko ihali yigisha guhinga no gukora. Yibukije Encadreur wa Komini BUTAMWA amasezerano bagiranye igihe basuye iyo centre taliki ya 27/2/80, bakagirana ikiganiro na Frère Directeur bakibanda cyane kukubura abanyeshuli bahagije. Icyo kigo kili i BUTAMWA niyo mpamvu cyagombye kugilira urubyiruko nyamwinshi rwaho. Hagombye kuba kandi abasore benshi bahinga umuceli bakabumba n'amatafali.

Muli Komini ya RUBUNGO na KANOMBE hali ubutaka bwiza bw'amatafali n'umusenyi, urubyiruko rwagombye kuhashyira ibikorwa bijyana naho. Encadreur wa Ruhungo azakora uko ashoboye kose yakire urubyiruko i parcelle yo kubumbiramo amatafali muli Rugende.

Si ayo ma Komini gusa n'ayandi afite izo possibilités yumvireho.

1. Amashyirahamwe yorora agira ibibazo byo kuralira no kuvuza amatungo yabo?

Rep: Ibyerekeye ubuzima n'ubwoko bwiza bw'amatungo bibazwa veterineri naho kuralira amatungo bajye bakuranwa kw'izamu kimwe nuko abandi babikora. Habajijwe ikibazo cy'amasaha y'ikirenga abayobozi b'urubyiruko bakora ntibayahemberwe.
Yasobanuliwe ko abakozi bakora muli Komini basa n'aho batandukanye n'abakora ahandi.(Leta). Mu bakozi ba Leta cyangwa muli za sociétés, iyo umukozi arengeje amasaha y'akazi asanzwe barayamuhembera cyangwa bakamuha ikiruhuko gihwanye nayo. Muli Komini lero Statut igenga abakozi bayo ntaho iteganya amasaha supplementaires cyangwa ikiruhuko gihwanye nayo. Birumvikana umuntu ntabwo ali inyamaswa mu gihe waryamye ukererewe kubera akazi wakoraga Bourgmestre yabijyamo, wakererwa akaba yabyumva.

## III. GUTEGURA INAMA RUSANGE Z'URUBYIRUKO

Nabasabye gukoresha kenshi inama rusange z'urubyiruko. Akazi k'umuyobozi b'urubyiruko ntabwo gakorerwa mu biro, uko muzagirana kenshi inama n'urubyiruko niko ruzarushaho kujijuka, rukagera ku majyambere nyakuli. Aho abategetsi batumva akamaro k'izo nama mukwiye gukaza umurego mukabumvisha muhereka ibikorwa ibikorwa mumaze kugeraho. Mwituntarva no gutegura izo nama nzabibafashamo ngenderera amakomini

.../...

yose, mbonana na Bourgmestre na ba Conseillers bose, na ba responsables ba cellure bose mu nama rusange z'urubyiruko. Kuli uwo musi kandi nzareba ballet ya Komini. Ba Bourgmestre b'amakomini yanyu bose barabizi twarabivuganye muli tournée mperutse gukora ngera kuli za Komini. Ba Bourgmestre bategereje Programe muli iyi minsi ili imbere imvura igabanutse.

IV. Programe ya buli kwezi

Twavuganye bihagije mu nama nyinshi twagiranye akamaro ka Programe none bamwe muli mwe baterye agati mu ryinyo ukagirango ibyo tuvugira hano mu nama n'ukugoboreра mu rucaca. Gukora Programe idakulikizwa ntibihagije. Niyo mpamvu jye mbihanangilije kandi bukaba alibwo bwanyuma.

Ikindi muli programe mukora, ntangazwa n'ukuntu mwiruka-nka mu masegiteri yose ya Komini. Kuva taliki ya 1 kugeza kuya 30. Fata gusa segiteri 4 cyangwa 3 ube ali zo ukoramo gusa, ugire igikorwa uzisigemo, gishobora kubera izindi urugero. Iyo nzira nshya ya Programe yatuma akazi mushinzwe kagenda neza kuruta kwiruka Komini itakuli kw'italiki uboshye imashini, nayo ubwayo ikagira igihe cyo gukorerwa entretien.

Umuyobozi w'inama yaboneyeho ikwihanangiliza bwa nyuma b'encadreurs bakulikira batatanze rapports na programe y'amezi akulikira:

Abataratanze Programes d'activités

Ukwezi kwa Mutarama
- Komini BICUMBI
- " BUTAMWA
- " MUGAMBAZI

Ukwezi kwa Gashyantare
- Komini BUTAMWA
- " KANOMBE
- " MUGAMBAZI
- " RUSHASHI

Ukwezi kwa Werurwe
- Komini BUTAMWA
- " KANOMBE
- " MUGAMBAZI
- Komini MBOGO
- " RUSHASHI
- " TARE

Abataratanze rapports

Ukwezi kwa Mutarama
- Komini KANOMBE
- " BUTAMWA
- " MUGAMBAZI
- Komini MBOGO
- " GIKOMERO
- " KANZENZE

Ukwezi kwa Gashyantare
- Komini BUTAMWA
- " GIKOMERO
- " KANOMBE

.../...

V.

## GUTEGURA UMUPIRA W'AMAGURU MU MA KOMINI(1980)
## Tournois intercommunal

Mwitegure irushanwa mwamenyeshejwe mu nama ishize no mu baruwa Préfet yandikiye ba Bourgmestre.
Mutegure abakinnyi banyu muhereye mu masegiteri, kandi musabe ba Bourgmestre banyu gutanga igisubizo vuba kandi kiza kuko iryo rushanwa lizatangira mu kwezi kwa gicurasi.

Uyu mwaka nta makarita y'abakinnyi muzakoresha kuko ahenda, ahubwo muzanyohereza liste y'abakinnyi ku mpapuro enye. Abashaka Equipement Sportif, hano kuli Prefegitura dufite ballons de Foot-Ball umwe ugura 2580 Frw. Ibindi mwaba mukeneye mwabishakira kuli Audiotex no muli Super-Marché T.2000

Ntimuzategereze ko ilyo rushanwa litangira kugira ngo mutunganye ibibuga. Ni mwitegure kare lero.

VI. IBIBAZO BINYURANYE(Divers)

1. Umuyobozi w'inama yasabye b'Encadreurs kumwohereza liste y'amashyirahamwe akenewe gufashwa, nibyo agomba guhabwa, bitarenze ukwezi kwa gicurasi. Impamvu yatse iyo liste nukugira ngo azashobore kwaka imfashanyo muli Ministeri. Yibukije ingingo za ngombwa kugira ngo groupement ibe yafashwa.
2. Umuyobozi w'inama yamenyesheje abali mu nama ko umuzungu Réal atazi ko byamugendekeye kubyerekeye programu yo gusura za associations z'urubyiruko kugira ngo arebe uko ziteye no kureba uko zashobora kugulishiliza muli FAJECOP. Yakomeje kandi asaba abataroherje liste z'amashyirahamwe yabo yegereye umuhanda ashobora kuzasura muli iyi minsi ili imbere kuzayohereza vuba.

   Abo ba Encadreurs n'abo mu ma Komini akulikira:

   - KANOMBE
   - RUBUNGO
   - KANZENZE
   - GASHORA
   - NGENDA
   - BUTAMWA
   - MUGAMBAZI
   - RUTONGO

   Encadreur wa Komini TARE yashubije nabi azasubiremo
3. Ibaruwa isaba abakinnyi batera Poids na Disque.
   Abasubije kimwe n'abatarasubiza bagomba kwubahiliza ibya ngombwa abo bakinnyi bagomba kugira ibiro nibuze 80 kg.
   Taille: 1,80 m; imyaka ili hagati 22-28.
   Nta Encadreur rumwe rero watanze igisubizo Ministeri yifuza.
   Niyo mpamvu mu gihe babasabye Renseignement nkizo zihutirwa mugomba gushira ubute mugashaka hose kandi mugasubiliza igihe.
4. Umuyobozi w'inama yibukije ibaruwa N° 09/14.04/09 yabandikiye abasaba

.../...

Calendrier y'inama z'aba responsable b'urubyiruko muli Komini

- Yasubijwe na Komini zikulikira gusa:
  - SHYORONGI
  - MUSASA
  - GASHORA
  - RUBUNGO
  - BUTAMWA

Abatarasubiza bihatire kugira vuba.

5. Nkuko yabivuze mu nama ya Encadreur S/Régional BUMBOGO yamuhuzaga n'aba Encadreurs be, abali mu ma Komini ya sous-préfecture Bumbogo bazajye bajyana rapports na programe zabo kwa Encadreur Sous-Régional wabo batange copie kwa Encadreur Régional.
   Abo muli sous-préfecture ya BUGESERA bajye bohereza courrier yose hano i Kigali kugeza igihe Ministeri izatanga umukozi wo muli iyo sous-préfecture.
6. Umuyobozi w'inama yamenyesheje b'Encadreurs ibyerekeye Seminaire yateguwe na Préfet, igomba kubera NYAKABANDA kuva kuli 19/5 kugeza kuli 25/6/1980. Iyo Seminaire lero igomba kugibwamo n'abantu(abakozi) bakorana n'abaturage hafi alibo: Agronome, Véterinaire, Encadreur wa za Koperative, Encadreur wa Jeunesse na Responsable w'ibigo bitsura amajyambere muli Komini. Abo bakozi lero bose bo muli za Komini bazajya baherekezwa n'aba Chefs babo muli Préfecture.

Calendrier y'iyo Seminaire iteye itya:

| AMATALIKI | KOMINI |
|---|---|
| 19-21/5/80 | RUSHASHI-MUSASA-TARE |
| 22-24/5/80 | MBOGO-RUTONGO-MUGAMBAZI |

.../...

| | |
|---|---|
| 2-4/6/80 | SHYORONGI-BUTAMWA-KANOMBE |
| 5-7/6/80 | RUBUNGO-GIKORO-BICUMBI |
| 23-25/6/80 | S/Préfecture BUGESERA(GASHORA KANZENZE, NGENDA) na B.G.M. |

Nkuko bisanzwe bigenda umuyobozi w'inama yasabye abali mu nama guhitamo mu ba Conférenciers bakulikira uzabagilira ikiganiro mu nama z'igihembwe itaha.

- Inspection wa za Koperative
- Directrice wa C.S.D.

Inama yemeje ko ikiganiro gitaha ali Directrice uzatanga ikiganiro Umuyobozi w'inama yashimiye b'Encadreurs kuba baje mu nama yabatumiyemo nubwo bamwe bahageze bakererewe.
Yabihanangilije ko bagomba kubahiliza isaha yo gutangira.
Yabasubiliye muli [illegible] ibyasuzumwe byose abasaba ko bazabikulikiza.

Inama yarangiye 14h(saa munani).

Umuyobozi w'inama

SENKWARE Célestin.-

Umwanditsi w'inama

BIGIREMATE J.Chrisostome.-

======O======

## UBUHINZI BWA KIJYAMBERE

Muzi mwese ko uko umubare w'abaturage wiyongera, amasambu arushaho kuba matoya. Mbere abantu bakili bake, bahingaga ubutaka uko babonye kose, ndetse aho bahinze umwaka umwe bakahareka, bakazahasubira nyuma y'igihe kirekire.

Abantu bamaze kuba benshi rero, nibwo batangiye guhinga imilima yabo inshuro nyinshi bikulikiranya, ndetse n'ibihingwa by'ubwoko bumwe bikaba byasimburana mu mulima. Ibyo rero byazanye ingaruka zikulikira :

1) Ubutaka butewe mo imyaka igihe kirekire burasaza, bugashiramo ibigenewe gutunga ibihingwa
2) Isuli nayo igatwara ubutaka bwiza bwo hejuru ikabijyana mu mibande, kandi alibwo butunga ibihingwa.
3) Imyaka isimbuŕanye kenshi mu mulima nayo igakura nabi, ntifire umusaruro mwiza, cyangwa se ibihingwa bikarwara, bikalibwa, bikalibwa n'ubukoko.

Ibyo byose rero byagiye bitera inzara mu bantu, nibwo batangiye kwiga uburyo bwo gukorera ayo masambu yabo, kugirango babone ibibatunga bihagije. Ibyo bikorwa byose rero bigamije kuduha umusaruro mwinshi ku butaka bukeya dufite, ni byo byitwa "Ubuhinzi bwa Kijyambere".

Dore rero uko biteye : kugirango umuntu yitwe umuhinzi wa kijyambere, agomba gukulikiza izi ngingo zikulikira :

- Kurwanya isuli mu mulima acukura imilingoti, agatera ibitin'ibyatsi bifite ubutaka
- Guhinga imyaka ikwiranye n'akarere atuyemo
- Gufumbira umulima we
- Guhinga imbuto z'indobanure
- Gutera ku mirongo
- Guhingira igihe
- Guhinduranya imyaka mu milima

Kubyerekeye kurwanya isuli, muzi ko mu Rwanda isuli itwangiliza cyane ali iterwa n'amazi ikajyana ubutaka bwiza mu mibande kandi alibwo butunga ibihingwa, igakushumura imisozi hagasigara ubutaka bwo hasi cyangwa se urutare. Mu misozi miremire y'ubutaka bworoshye, isuli itengura imisozi, alibyo bita "inkangu", hagasigara imanga idafite akamaro na gato mu buhinzi. Hali n'igihe isuli idatwara ubutaka bwonyine, akubwo ikabutwarana n'imyaka ibuteyemo, byose bikajya mu mibande cyangwa se mu migezi.

Kugirango turwanye isuli rero, hakorwa ibi bikulikira :

- Barwanya isuli ku misozi bakulikije ubucurame bwayo (pente). Iyo hacuramye cyane amazi atemba ali menshi, kandi akihuta, ubwo rero agatwara ubutaka bwinshi.
- Bapima imilingoti (courbes de niveau) bakoresheje Rujola (Planche à pente) n'Imbaho y'amazi (Niveau d'eau); mu milima ili ahategamye hadatemba amazi menshi, hali ubutaka bwiza, batera inzitiro z'ibyatsi bifata ubutaka, nk'ibyitwa setariya, n'ibindi; Ahacuramye ku buryo bulinganiye bahacukura imilingoti, nyuma bagatera biliya byatsi twavuze mu majyaruguru y'aho bacukuye. Uko umusozi urushaho gucurama, niko imilingoti irushaho kwegerana .

.../...

Ahacuramye bikabije, hadafitiye ubuhinzi akamaro kagaragara, haterwa amashyamba. Muzi mwese akamaro amashyamba adufitiye, none hiyongereyeho n'ako kurwanya isuli. Iyo batera amashyamba na none bakulikiza imilingoti (courbes de niveau). Iyo ishyamba limaze gukura, amababi y'ibiti arahunguka, ibyo bikagabanya umurego w'amazi atemba.

Kurwanya isuli urebye usanga ali yo ntambwe ya mbere umunyarwanda uhinga kijyambere akwiye kugeraho aliko ntibihagije kugirango haboneke umusaruro ushimishije.

Guhinga imyaka mu turere ikwiranye natwo :

Henshi mu Rwanda usanga bahinga amoko menshi y'imyaka, aliko yose siko yera neza mu turere twose. Muzi ko ibirayi byera cyane mu Ruhengeri, urutoki rukera i Kibungo, ipamba likera i Cyangugu, n'ibindi musanzwe muzi cyangwa mubona hose mu gihugu. Utuye mu Ruhengeri rero ugahinga ipamba ntibyakwera neza, icyo gihe rero ukaba waravunikiye ubusa, kandi warangije ubutaka wali guhingamo ibirayi cyangwa ibigoli, cyangwa se pyrèthre. Umuhinzi wa kijyambere rero iyo ahitamo imyaka azahinga, yibanda ku yera neza mu karere atuyemo, ikwiranye n'ubutaka bwaho, n'imvura ihagwa, n'ibindi byose byerekeranye n'umusaruro.

Gufumbira :

Ibihingwa bitungwa n'amazi n'imyunyu yo mu butaka. Buli gihe iyo ubutaka busaruwemo imyaka, ya myunyu igenda igabanuka, ndetse wateramo ibindi ntibikure neza, umusaruro ukaba muke, kandi warahinze hanini. Iyo myunyu rero ishobora kwongerwa mu butaka dukoresheje amafumbire. Hali amoko menshi y'ifumbire :

- hali ifumbire yaboreye mu kimpoteri, iboneka ali uko umuhinzi yagiye arunda ibyatsi byose bishobora kubora mu kimpoteli, hamwe n'ibishogoshogo, ibishishwa by'imyumbati, by'ibijumba n'ibindi byose bishobora kuboneka. Amase cyangwa amahurunguru y'amatungo nayo bashobora kuyavanga n'ibyo byatsi, cyangwa bakayashyira mu kimpoteli yonyine, bakajya bamenaho amaganga kugirango bibore vuba. Iyo ifumbire imaze kubora, bayikwiza mu mulima mu gihe cy'ihinga, bakayivanga n'ubutaka, nyuma bagatera imyaka.
- hababo n'ifumbire y'ibyatsi bibisi (engrais vert), batababa mu mulima mu gihe cy'ihinga, byazabora bikabyara ifumbire nziza. Akenshi iyo fumbire ikorwa mu byatsi batera mu mulima bashaka kuwuraza, nk'ibyitwa "umucuna" cyangwa" desmodium".

  Ayo mafumbire yombi tumaze kuvuga, akamaro kayo, uretse ako kongera imyunyu itunga ibihingwa mu butaka, yongera na"humus" mu butaka, bigatuma ubutaka bworoha ntibubumbire, amazi n'umwuka bigatembera neza, imizi y'ibihingwa ikinjira neza kandi igahumeka neza. Humus kandi ituma amazi yinjira mu butaka, atemba ku butaka akagabanuka, isuli nayo ikagabanuka kurwanya isuli mu mulima ufumbiye neza biroroha, ntibiruhanya nko ku gasi.
- habaho n'amafumbire ya kizungu, akorerwa muli za usines, akaba agizwe n'imyunyu yubwoko bumwe, abili, cyangwa se atatu, yarateranijwe mu rugero rukwiranye n'ubutaka bazafumbira.

Iyo ukoresheje ifumbire ya kizungu, ubutaka buba bubonye imyunyu mu rugero rukwiliye; aliko na nane bukaba bukeneye "humus" nk'uko twavuze akamaro kayo mbere.

Mbere yo gutera imyaka rero, ubutaka bugomba gufumbirwa kugirango umusaruro uzabe mwinshi kandi ubutaka ntibusaze imbura-gihe. Ubwo rero buli muhinzi wese yagombye kugira ikimpoteli mw'isambu ye, kigahora gishyirwamo ibishingwe, buli gihe cy'ihinga ifumbire ikaba iteguye.

Guhinga imbuto z'indobanure:

Ubusanzwe iyo imyaka yera bavanaho ibyo bajyana mu masoko, ibyo bamarya bakabihunika, aliko babanje gutoranya mo ibyiza, bakabibika uwabyo bikazaba imbuto.

Mu bihugu byateye imbere mu buhinzi, bashinze ibigo bagaragerezamo imbuto z'amoko menshi, bagatoranyamo izara byinshi, zikera vuba, zikarwanya indwara n'imvura nyinshi cyangwa amapfa, mbese zikaba indakemwa kurenza izindi. Mu Rwanda natwe dufite ikigo cya I S A R kili i Rubona hafi y'i Butare, akaba ali cyo gishinzwe uwo mulimo. Hali amashami ya ISAR atatu ali mu turere dutandukanye, kuko buli gihingwa kigeragerezwa mu karere cyeramo.

Ingero z'amoko y'imbuto z'indobanure :

- Ibishyimbo : demi, bataaf, cajamarca, n'ibindi
- Ibigoli : bambu
- Amasaka : kebo
- Ibirayi : Condea, Muhabura, Anet, n'ibindi
- Ibijumba : Carolienelee
- Ubunyobwa : Fatui
- Soja : Palmetto, Ooden
- N'ibindi

Gutera ku mirongo:

- Iyo uteye ku mirongo, nta mbuto ipfa ubusa, kubera ko buli mbuto iterwa ahayo ntihagi izigerekana ali nyinshi cyangwa se ngo zigwe ahadahinze, nk'uko bigenda iyo bateye bamisha.

- Imbuto ziteye ku murongo iyo zitangiye kumera ushobora kubara izapfuye ukazisimbura vuba.

- Mugihe cyo kubagara, imilimo iroroha kuko isuka inyura hagati y'imirongo igaragara. Ibihingwa nabyo bisukirwa itaka neza, kuko liva hagati y'imirongo.

- Iyo indwara cyangwa udusimba byateye mu mulima, ushobora kurandura ahafashwe bitakugoye, cyangwa se ugatera imiti ukulikije imirongo.

- Iyo ushyira ifumbire mu mulima, uyikwizamo neza, kuko buli murongo ujyaho ingana n'iyagiye ku yindi.

- Kubera rero ibyo twavuze haruguru byose, umusaruro w'imyaka iteye ku murongo uba mwiza, ukaruta uw'ibyo bamishe.

Guhingira igihe :

- Igihe baterera imyaka mu mulima kigenwa n'imvura. Bagomba gutera igihe imvura imaze kugera mu butaka neza, kugirango imbuto zizashobore kumera.

- Uramutse uteye kare cyane imvura itarageza igihe, ishobora gutinda kugwa, imbuto zigasazira ikuzimu, cyangwa se zikalibwa n'inyoni cyangwa udusimba tuba m'itaka. Ziramutse zimeze nabwo zikuma zikili iminere.

- Iyo uteye utinze imvura yaraguye kera, ishobora gucika imbuto zitaramera, ntuzagire icyo usarura cyangwa se zikamera, zigakura nabi, zikazera mu gihe cy'imvura, ugahomba.

.../...

Imyaka itewe kare cyane cyangwa se itinze cyane, yera yonyine, inyoni, imbeba cyangwa ibindi byonnyi bikayahuka, ugasarura ubusa. Ibyiza rero ni uguhinga igihe imvura itangiye kugwa, ukazeza mu gihe cyiza ukabona uko ubyanika.

Gusimburanya imyaka mu mulima:

Dore zimwe mu mhamvu zituma bagomba gusimburanya imyaka mu mulima :

- Ibihingwa uko bitandukanye mu moko, ni nako bitungwa n'imyunyu itandukanye. Dore nk'ibishyimbo cyangwa soja bifite ubushobozi bwo gukurura "Azote" yo mu mwuka bikayinjiza mu butaka, igatunga ibindi bihingwa kuko ibishyimbo cyangwa soja biba bitayikeneye . Ubwo rero uramutse uhinze ibishyimbo kenshi mu mulima umwe wikulikiranya, Azote yaba nyinshi cyane mu butaka ikaruta ibindi bitunga ibihingwa, kandi bigomba kuba mu rugero rulinganiye. Ibihingwa rero babisimburanya bakulikije imyunyu ibitunga, kugirango hatazagira umunyu usigara udakoreshejwe cyangwa se ugakoreshwa kurusha iyindi, ubutaka bugasaza imburagihe.
- Ibihingwa na none bigira imizi isumbana, uko isumbana akaba ali naho bivoma amazi n'imyunyu bikulikije uburebure bw'imizi yabyo urugero: Ibigoli bigera imizi migufi, bikavoma amazi n'imyunyu hafi; naho imyumbati, imizi yayo ni miremire, bivoma kure Ugomba rero gusimburanya ibihingwa ukulikije imizi yabyo, kugirango imyunyu yose ikoreshwe.
- Nyuma y'ibyo byose twavuze, umuhinzi w'umunyarwanda wahinga nk'amasaka yonyine yaharya iki ?

N.B. Mu gusimburanya imyaka mu mulima, umuhinzi agomba kuwuraza igihe ali ngombwa. Mu buhinzi bwa kijyambere rero, kuraza umulima si ukureka kuwuhinga gusa, ahubwo bateramo ibyatsi byabigenewe bitwikira ubutaka, bakazabitaba mu buhinge bikabyara ifumbire nziza. Nkali nk'ibyitwa "mucuna" byatangiye guhingwa kenshi mu Rwanda, "desmodium", n'ibindi.

Ngibyo rero ibyo umuhinzi agomba gukora mbere na mbere kugirango azabone umusaruro mwiza, abone ibimutunga bihagije we n'urugo rwe, ndetse asagulire n'amasoko, abone amafranga yo kugura ibyo akeneye adashobora kubona mw'isambu y Kubitangira biravunana, aliko iyo umaze kubona akamaro kabyo urabimenyera.

## UMWANZURO: GUHUZA IMILIMO YO MULI KOMINI

## KUGIRANGO UBUHINZI BUJYE MBERE

Mwasobanuliwe kenshi ko Komini aliyo shingiro ly'amajyambere y'igihugu cyacu, kandi n'ubuhinzi bukaba inkingi ya mbere y'ayo majyambere. Kubera ko imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda itunzwe n'ubuhinzi, inzego zose za Komini zagombye kwita kuli uwo mulimo, aho kuwuhalira ba agronome bonyine.

Ku rwego rwa Komini yose, Bourgmestre ni we uhuza imilimo yose, conseiller akayihuza muli secteur ashinzwe, abagize comité ya cellule nabo bakayihuza muli cellule bahagaraliye.

Mu milimo yose yo muli comini rero, ubuhinzi bwagombye guhabwa umwanya ukomeye, aliko akenshi usanga ababishinzwe babyirengagiza.

Ingero :

- Muli za Koperative z'ubuhinzi, ibikorwa byose bikulikije inama za agronome, bagahinga kijyambere, abgize Koperative babona akamaro kabyo vuba, bagatangira no kubikora mu masambu yabo.
- Mu bigo bishinzwe gutsura amajyambere no muli za Centres Nutritionnels bigisha ubuhinzi, cyane cyane ubw'imboga, aliko ntibakulikirana ngo barebe niba ibyo bize babikora
- Abashinzwe ubutegetsi muli Komini, abakozi bashinzwe amajyambere, nibo bagombye kubera abandi intanga-rugero, bagahugurwa bihagije bagasobanukirwa, bityo bakabigeza ku bo bashinzwe, bakabikora no mu masambu yabo.
- Nkamwe mushinzwe kujijura urubyiruko muli Komini, mukwiye kujya mutegura umunsi nibura umwe mu cyumweru mugatumira agronome akaganilira urubyiruko muyobora ku byerekeye ubuhinzi bwa kijyambere, cyangwa se mugahulira mu mulima ntanga rugero na Komini, mukareba ibikorerwamo.
- Ubundi rero igihe mushinze za coopératives z'ubuhinzi, ibyo mukora byose bigomba gukuri kiza amabwiliza ya Agronome. Abagize koperative y'urubyiruko ntibashobora kurambirwa imihingire ya kijyambere, ndetse barabiharara cyane, ugasanga babimenyereye vuba, bakabikora no mu masambu y'ababyeyi babo, cyangwa se mu tulima tw'umwihaliko.
- Mu by'ukuli, aho guta igihe wigisha abasaza kandi udateze kubavanamo ibyo bamenyereye kuva bavuka, wakwigisha urubyiruko, ali urwo mu mashuli ali n'urwo ku misozi, bagakuran uwo muco, bakajya bawugeza buhoro buhoro no ku babyeyi n'abaturanyi babo. Abakuru mu buyobozi b'urubyiruko nabo mu gihe cyo gutanga amanota y'ishimwe, bakwiye kujya bareba niba ibikorwa by'ubuhinzi mwagezeho bikulikije amabwiliza ya ba Agronome mukorana, bakareba niba muli dossier zawe habamo za "Notes techniques" uhabwa na Agronome, cyangwa se inyandiko - mvugo z'inama wowe na Agronome mwaba mwaragiranye n'urubyiruko ushinzwe. Mu gihe cyo guha ba Agronome ishimwe, ababategeka nabo bakareba izo ngingo tumaze kuvuga.
- Komini cyangwa Ministère ishinzwe ubukinzi n'ubworozi nayo, igakoresha irushanwa ry'abahinzi, bagatanga amanota, aba mbere bagahembwa, abandi bakaboneraho, bigatuma nabo bagira umwete, ndetse abananiranye abategetsi ba Komini bakabahana, kuko ali abanzi b'amajyambere.